JW.ORG™
Jya kuri www.jw.org/rw, uvaneho iyi PDF

Itoze gukoresha Bibiliya

Intumwa Pawulo yari umwe mu babwirizabutumwa b'Abakristo bazwi cyane. Ni iki cyamufashije kugeza ku bandi imyizerere ye ashize amanga?

Pawulo yaranditse ati "ukore uko ushoboye kose kugira ngo wihe Imana uri umukozi wemewe udakwiriye kugira ipfunwe, ukoresha neza *ijambo ry'ukuri"* (2 Timoteyo 2:15). Nk'uko Pawulo yakoresheje "ijambo ry'ukuri," nawe ushobora gukoresha Bibiliya ugeza imyizerere yawe ku bandi.

Mu rwego rw'umuryango, mujye kuri jw.org/rw, ahanditse ngo "Ibibazo bishingiye kuri Bibiliya." (Jya ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA > IBIBAZO BISHINGIYE KURI BIBILIYA.) Mujye ahanditse ngo "Isengesho," maze muhitemo ikibazo mutekereza ko abantu bashobora kubabaza byanze bikunze. Musome igisubizo. Muganire ku murongo w'Ibyanditswe buri wese yasoma kugira ngo asubize icyo kibazo. Kugira ngo mwitoze gusubiza, mubikore musimburana mu kubazanya ibibazo no kubisubiza mukoresheje Bibiliya. Andika ikibazo abantu bashobora kubabaza mu ruziga ruri hejuru y'umwana uri kuri iyi paji. Noneho mu rundi ruziga, wandikemo igitabo cyo muri Bibiliya, igice n'umurongo w'Ibyanditswe wakoresha usubiza icyo kibazo.



▶ **GERAGEZA IBI BIKURIKIRA:** Menya byinshi ku birebana n'intumwa Pawulo. Jya kuri jw.org/rw uvaneho agafishi k'umuntu uvugwa muri Bibiliya ka "Pawulo." (Reba ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA > ABANA > UDUFISHI TW'ABANTU BAVUGWA MURI BIBILIYA.) Mugerageze gusubiza ibibazo byabajijwe kuri ako gafishi, maze murebe niba ibyo mwashubije ari byo.

www.jw.org © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania